

Umwaka wa 46 n° 23
01 Ukuboza 2007

Year 46 n° 23
1st December 2007

46^{ème} Année n° 23
1^{er} décembre 2007

Ibirimo/Summary/Sommaire

Page/Urup.

A. Amategeko/Laws/Lois

N° 51/2007 ryo kuwa 20/09/2007

Itegeko rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Urwego rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu iterambere ry'Igihugu.....

N° 52/2007 ryo kuwa 04/10/2007

Itegeko rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Integanyanyigisho.....

N° 51/2007 of 20/09/2007

Law determining the responsibilities, organisation and functioning of the gender monitoring office in Rwanda.....

N° 52/2007 of 04/10/2007

Law establishing the National Curriculum Development Centre (NCDC).....

N° 51/2007 du 20/09/2007

Loi portant missions, organisation et fonctionnement de l'Observatoire du Genre au Rwanda.....

N° 52/2007 du 04/10/2007

Loi portant création du Centre National de Développement des Programmes Pédagogiques (NCDC).....

B. Amateka ya Minisitiri w'Intebe/Prime Minister's Orders/Arrêtés du Premier Ministre

N° 21/03 ryo kuwa 15/11/2007

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho abashinjacyaha bo ku Rwego rw'Ibanze.....

N° 22/03 ryo kuwa 15/11/2007

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho abashinjacyaha bo ku Rwego Rwisumbuye.....

N° 23/03 ryo kuwa 15/11/2007

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho abashinjacyaha bayobora ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye.....

N° 24/03 ryo kuwa 15/11/2007

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho abashinjacyaha bafite ububasha mu Gihugu hose.....

N° 25/03 ryo kuwa 15/11/2007

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyira Ofisiye wo mu Ngabo z'Igihugu mu kiruhuko cy'izabukuru.

N° 29/03 ryo kuwa 20/11/2007

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho abagize Komite yigenga y'Impuguke ishinze Iperereza ku Ihanuka ryo ku wa 06 Mata 1994 ry'Indege Falcon 50 yari ifite n° 9XR-NN.....

N° 21/03 of 15/11/2007

Prime Minister's Order appointing the Prosecutors at Lower Instance Level.....

N° 22/03 of 15/11/2007

Prime Minister's Order appointing the Prosecutors at Higher Instance Level.....

N° 23/03 of 15/11/2007

Prime Minister's Order appointing the Prosecutors who head the Prosecution Service at Higher Instance Level.....

N° 24/03 of 15/11/2007

Prime Minister's Order appointing the Prosecutors with jurisdiction over the whole country.....

N° 25/03 of 15/11/2007

Prime Minister's Order sending into retirement an officer of Rwanda Defense Forces.....

N° 29/03 of 20/11/2007

Prime Minister's Order appointing members of the Independent Committee of Experts to Investigate the fatal Crash on 06 April 1994 of the plane Falcon 50 with registration number 9XR-NN.....

N° 21/03 du 15/11/2007

Arrêté du Premier Ministre portant nomination des Officiers du Ministère Public au niveau de Base.....

N° 22/03 du 15/11/2007

Arrêté du Premier Ministre portant nomination des Officiers du Ministère Public au niveau de Grande Instance.....

N° 23/03 du 15/11/2007

Arrêté du Premier Ministre portant nomination des Officiers du Ministère Public en chef du bureau du Parquet au niveau de Grande Instance.....

N° 24/03 du 15/11/2007

Arrêté du Premier Ministre portant nomination des Procureurs à compétence nationale....

N° 25/03 du 15/11/2007

Arrêté du Premier Ministre portant la mise à la retraite d'un Officier des Forces Rwandaises de Défense.....

N° 29/03 du 20/11/2007

Arrêté du Premier Ministre portant nomination des membres du Comité Indépendant d'Experts chargés de l'Enquête sur le Crash du 06 avril 1994 de l'avion Falcon 50 immatriculé 9XR-NN...

ITEGEKO N° 51/2007 RYO KUWA 20/09/2007 RIGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BY'URWEGO RUSHINZWE KUGENZURA IYUBAHIRIZWA RY'UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE BW'ABAGORE N'ABAGABO MU ITERAMBERE RY'IGIHUGU	LAW N° 51/2007 OF 20/09/2007 DETERMINING THE RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE GENDER MONITORING OFFICE IN RWANDA	LOI N° 51/207 DU 20/09/2007 PORTANT MISSIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE L'OBSERVATOIRE DU GENRE AU RWANDA
--	--	---

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DE MATIERES

<u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE	<u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE PREMIER :</u> DES DISPOSITIONS GENERALES
--	---	---

Ingingo ya mbere: Ibyo iri tegeko rigena

Article One: Scope of this Law

Article premier: Champ d'application de la loi

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2 : Définition des termes

**Ingingo ya 3: Ubwigenge bw'Urwego
n'urureberera**

**Article 3: Autonomy of the Office and the
supervising Authority**

**Article 3 : Autonomie de l'Observatoire et
son organe de tutelle**

Ingingo ya 4: Icyicaro cy'Urwego

Article 4: Headquarters of the Office

Article 4 : Siège de l'Observatoire

**UMUTWE WA II: INSHINGANO
N'UBUBASHA BY'URWEGO**

**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES AND
POWERS OF THE OFFICE**

**CHAPITRE II : DES MISSIONS ET DE
LA COMPETENCE DE
L'OBSERVATOIRE**

Icyiciro cya mbere: Inshingano

Section One: Responsibilities

Section première : Des Missions

Ingingo ya 5: Inshingano rusange z'Urwego

**Article 5: General responsibilities of the
Office**

**Article 5 : Missions générales de
l'Observatoire**

Ingingo ya 6: Inshingano zihariye z’Urwego

Article 6: Specific responsibilities of the Office

Article 6: Missions spéciales de l’Observatoire

Iyiciro cya 2: Ububasha

Section 2: Powers

Section 2 : De la compétence

Ingingo ya 7: Ububasha bw’Urwego

Article 7: Powers of the Office

Article 7 : Compétence de l’Observatoire

UMUTWE WA III: IMITERERE N’IMIKORERE Y’URWEGO

CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE OFFICE

CHAPITRE III: DE L’ORGANISATION ET DU FONCTIONNEMENT DE L’OBSERVATOIRE

Ingingo ya 8: Inzego

Article 8: Organs

Article 8 : Organes

Iyiciro cya mbere: Ubugenzuzi Bukuru bw’Urwego

Section one: The High Monitoring Council of the Office

Section première : Du Conseil Supérieur de Suivi de l’Observatoire

Ingingo ya 9: Ubugenzuzi Bukuru bw’Urwego

Article 9: High Monitoring Council of the Office

Article 9 : Conseil Supérieur de Suivi de l’Observatoire

Ingingo ya 10: Abagize Ubugenzuzi Bukuru bw’Urwego n’uko bashyirwaho

Article 10: Members of the High Monitoring Council of the Office and their appointment

Article 10 : Membres du Conseil Supérieur de Suivi de l’Observatoire et procédure de leur nomination

Ingingo ya 11: Manda y’Abagenzuzi Bakuru ba gender

Article 11: Mandate of Chief Gender Monitors

Article 11 : Mandat des Observateurs en Chef du genre

Ingingo ya 12: Irahira ry’Abagenzuzi Bakuru ba “gender”

Article 12: Taking oath by Chief Gender Monitors

Article 12 : Prestation de serment des Observateurs en Chef du genre

Ingingo ya 13: Impamvu zituma ugize Ubugenzuzi Bukuru avanwaho

Article 13: Reasons for removal of a member of the High Monitoring Council

Article 13 : Causes de perte de la qualité de membre d’Observateur en Chef

<u>Ingingo ya 14:</u> Uko abagize Ubugenzuzi Bukuru bava mu myanya	<u>Article 14:</u> Procedure for removal of the members of the High monitoring Council	<u>Article 14 :</u> Procédure à suivre pour la perte de la qualité de membre du Conseil Supérieur de Suivi de l’Observatoire
<u>Ingingo ya 15:</u> Inshingano z’Umugenzuzi Mukuru wa “gender”	<u>Article 15:</u> Responsibilities of the Chief Gender Monitor	<u>Article 15 :</u> Attributions de l’Observateur en Chef du genre
<u>Ingingo ya 16:</u> Inshingano z’Umugenzuzi Mukuru wa gender Wungirije ushinzwe iyubahirizwa rw’uburinganire	<u>Article 16:</u> Responsibilities of the Deputy Chief Gender Monitor in charge of gender	<u>Article 16 :</u> Attributions de l’Observateur en Chef Adjoint du genre chargé de l’approche genre
<u>Ingingo ya 17:</u> Inshingano z’Umugenzuzi Mukuru wa gender Wungirije ushinzwe kurwanya akarengane n’ihohoterwa bishingiye kuri gender	<u>Article 17:</u> Responsibilities of the Deputy Chief Gender Monitor in charge of fighting against injustice and gender based violence	<u>Article 17:</u> Attributions de l’Observateur en Chef Adjoint du genre chargé de combattre l’injustice et la violence basées sur le genre
<u>Ingingo ya 18:</u> Ububasha bw’Ubugenzuzi Bukuru bw’Urwego	<u>Article 18:</u> Powers of the High Monitoring Council of the Office	<u>Article 18 :</u> Pouvoirs du Conseil Supérieur de Suivi de l’Observatoire
<u>Ingingo ya 19:</u> Uburyo inama z’Ubugenzuzi Bukuru ziterana n’uko ibyemezo bifatwa	<u>Article 19:</u> Procedures on the conduct of meetings of the High monitoring Council and the procedure of making decisions	<u>Article 19:</u> Modalités de tenue des réunions du Conseil Supérieur de Suivi et de prise de décisions
<u>Ingingo ya 20:</u> Ibigenerwa abagize Ubugenzuzi Bukuru bwa gender	<u>Article 20:</u> Benefits of the members of High monitoring Council	<u>Article 20 :</u> Avantages accordés aux membres du Conseil Supérieur de suivi
<u>Ingingo ya 21:</u> Inzego zihabwa raporo	<u>Article 21:</u> Organs that are given reports	<u>Article 21:</u> Organes auxquels sont transmis les rapports
<u>Ingingo ya 22:</u> Igihe raporo itangirwa	<u>Article 22:</u> Reporting schedule	<u>Article 22:</u> Calendrier de soumission de rapports

Icyiciro cya 2: Ubunyamabanga
Nshingwabikorwa

Section 2: The Executive Secretariat

Section 2 : Du Secrétariat Exécutif

Ingingo ya 23: Ubunyamabanga Nshingwa-
bikorwa

Article 23: Executive Secretariat

Article 23: Secrétariat Exécutif

Ingingo ya 24: Ishyirwaho ry’abakozi

Article 24: Staff recruitment

Article 24: Recrutement du personnel

Ingingo ya 25: Inshingano z’Umunyamabanga
Nshingwabikorwa

Article 25: Responsibilities of the Executive
Secretary

Article 25: Attributions du Secrétaire
Exécutif

Ingingo ya 26: Imbonerahamwe y’inze-
guro z’imirimo

Article 26: Organisational structure

Article 26 : Cadre organique

Icyiciro cya 3: Komite Ngishwanama

Section 3: The Consultative Committee

Section 3 : Du Comité Consultatif

Ingingo ya 27: Komite Ngishwanama

Article 27: Consultative Committee

Article 27: Comité Consultatif

Ingingo ya 28: Ishyirwaho ry’abagize Komite
Ngishwanama n’ibyo bagenerwa

Article 28: Appointment of the members of
the Consultative Committee

Article 28 : Nomination des membres du
Comité Consultatif et leurs avantages

Ingingo ya 29: Inshingano za Komite
Ngishwanama

Article 29: Responsibilities of the
Consultative Committee

Article 29 : Attributions du Comité
Consultatif

Ingingo ya 30: Itumizwa n’iyobora
ry’inama ya Komite Ngishwanama

Article 30: Invitation and chairing of the
Consultative Committee meeting

Article 30: Convocation et tenue de la
réunion du Comité Consultatif

Ingingo ya 31: Impamvu zituma ugize
Komite Ngishwanama
avanwa muri uwo mwanya

Article 31: Reasons for removal of a member
of the Consultative Committee

Article 31 : Motifs de perte de qualité de
membre du Comité Consultatif

Ingingo ya 32: Isimburwa ry’ugize Komite
Ngishwanama

Article 32: Replacement of a member of the
Consultative Committee

Article 32 : Remplacement d’un membre
du Comité Consultatif

UMUTWE WA IV: UMUTUNGO CHAPTER IV: PROPERTY OF THE OFFICE

Ingingo ya 33: Umutungo w'Urwego

Article 33: Property of the office

Ingingo ya 34: Ikoresha n'igenzura ry'ingengo y'imari

Article 34: Use and audit of budget

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

Ingingo ya 35: Ivanwaho ry'ingengo zinyuranyije n'iri tegeko

Article 35: Abrogating provisions

Ingingo ya 36: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Article 36: Commencement

CHAPITRE IV : DU PATRIMOINE DE L'OBSERVATOIRE

Article 33 : Patrimoine de l'Observatoire

Article 34: Utilisation et audit du budget

CHAPITRE V: DES DISPOSITIONS FINALES

Article 35: Disposition abrogatoire

Article 36: Entrée en vigueur

**ITEGEKO N° 51/2007 RYO KUWA 20/09/2007
RIGENA INSHINGANO, IMITERERE
N'IMIKORERE BY'URWEGO RUSHINZWE
KUGENZURA IYUBAHIRIZWA
RY'UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE
BW'ABAGORE N'ABAGABO MU
ITERAMBERE RY'IGIHUGU**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE,
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA,
KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA
MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA
Y'U RWANDA.**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa
6 Kamena 2007;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 30
Mata 2007;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika
y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko
ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu
ngingo zaryo, iya 9, iya 11, iya 62, iya 66, iya
67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95,
iya 108, iya 113, iya 118, iya 185 n'iya 201;

**LAW N° 51/2007 OF 20/09/2007
DETERMINING THE RESPONSIBILITIES,
ORGANISATION AND FUNCTIONING OF
THE GENDER MONITORING OFFICE IN
RWANDA**

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED
AND WE SANCTION, PROMULGATE
THE FOLLOWING LAW AND ORDER
IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF
RWANDA.**

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of
June 6, 2007;

The Senate, in its session of 30 April 2007:

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of June 4, 2003 as amended to date,
especially in Articles 9, 11, 62, 66, 67, 88, 89,
90, 92, 93, 95, 108, 113, 118, 185 and 201;

**LOI N° 51/2007 DU 20/09/2007 PORTANT
MISSIONS, ORGANISATION ET
FONCTIONNEMENT DE
L'OBSERVATOIRE DU GENRE AU
RWANDA**

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS
LA LOI DONT LA TENUE SUIT ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT
PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE
LA REPUBLIQUE DU RWANDA.**

LE PARLEMENT :

La Chambre des Députés, en sa séance du 6
juin 2007;

Le Sénat, en sa séance du 30 avril 2007;

Vu la Constitution de la République du
Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à
ce jour, spécialement en ses articles 9, 11,
62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 113,
118, 185 et 201;

YEMEJE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mberere: Ibyo iri tegeko rigena

Iri tegeko rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Urwego rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu iterambere ry'Igihugu rwitwa "Urwego" mu ngingo zikurikira.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, aya magambo afite ibisobanuro bikurikira:

gender: ijambo rikoreshwa bavuga inshingano, uburenganzira, amahirwe, icyubahiro n'agaciro umuntu ahabwa na sosiyete, bitandukanye n'ibya mugenzi we badahuje igitsina, bishobora guhinduka bijyanye n'igihe, umuco n'ibindi;

ubusumbane bushingiye kuri gender: ni ubusumbane hagati y'abagore n'abagabo mu byerekeye uruhare rwabo mu nzego zose, ku mahirwe bahabwa no ku burenganzira muri rusange;

ADOPTS:

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

Article One: Scope of this Law

This Law determines the responsibilities, organisation and the functioning of the Gender Monitoring Office in national development, referred to as the "Office" in the following provisions.

Article 2: Definitions of terms

In this Law, these words have the following definitions:

gender: a concept that refers to responsibilities, rights, opportunities, respect and value a person receives from society in accordance with his/her sex, and which is likely to change in relation to time, culture and other criteria;

gender disparities: inequalities between women and men in terms of their role in all activities, opportunities and rights in general;

ADOPTE :

**CHAPITRE PREMIER : DES
DISPOSITIONS GENERALES**

Article premier: Champ d'application de la loi

La présente loi porte attributions, organisation et fonctionnement de l'Observatoire du Genre, ci-après dénommé « l'Observatoire ».

Article 2 : Définition des termes

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont la signification suivante:

genre : concept qui se réfère aux devoirs, aux droits, aux chances , au respect et à la dignité garantis à l'individu par la société qui diffèrent suivant le sexe et changent selon le temps, la culture et autres critères ;

disparités entre les genres : écart entre les femmes et les hommes basé sur leur participation dans tous les domaines, les chances et les droits qui leur sont garantis en général ;

uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo: ukugira amahirwe angana kandi asesuye ku bagore n'abagabo bwo gukoresha uburenganzira bwabo bwa muntu n'ubushobozi bwabo, bakagira uruhare rungana mu bikorwa byose by'iterambere ry'Igihugu haba mu rwego rwa politiki, ubukungu, imibereho myiza n'umuco, bakanabona ku musaruro uvuyemo ku buryo bungana;

ihohoterwa rishingiye ku gitsina: imyifatire iyo ari yo yose igayitse iganisha ku mibonano mpuzabitsina cyangwa indi myifatire iyo ari yo yose ishingiyeye ku gitsina, igira ingaruka ku cyubahiro cy'uwahohotewe yaba umugore cyangwa umugabo, iyo myifatire yaba ari iy'abamukuriye mu kazi, mu mashuri cyangwa iya bagenzi be bakorana, yaba ari iyo mu miryango ndetse n'ahandi;

uburinganire n'iterambere: gahunda y'igenamigambi ry'iterambere rishingira ku gusesengura no kwita ku miterere inyuranye n'ibikenerwa bitandukanye ku bagore no ku bagabo, igamije gutuma habaho ibyangombwa by'iterambere bituma uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo bugerwaho.

gender equality: a situation where women and men fully enjoy the same opportunities in fulfilling their human rights and utilising their potential, and gain access to equal participation in all developmental activities from a political, economic, social and cultural perspective, and benefit equally from related results;

gender based violence: any behaviour aimed at sexual relations or any other sexual behaviour which affects the dignity of a male or a female victim, whether such behaviour may be from a superior at the work place, school or whether from families as well as from elsewhere.

gender and development: the development planning process that is based on analysis and integration of various situations and needs of women and men aimed at creating conditions for the development of gender equality and complementarity.

égalité des sexes : situation où les femmes et les hommes jouissent sans restriction des mêmes chances dans l'exercice de leurs droits humains en utilisant leurs aptitudes à l'exploitation des opportunités de développement du pays tant au niveau politique, économique, social que culturel et en bénéficiant équitablement des résultats y relatifs ;

violence basée sur le genre: tout comportement indigne à connotation sexuelle ou tout autre comportement fondé sur le sexe qui affecte la dignité de la victime qu'elle soit homme ou femme, que ce comportement soit commis par des supérieurs hiérarchiques ou des collègues sur le lieu de travail, scolaire, en famille ou ailleurs.

genre et développement : un processus de planification de développement centré sur l'analyse et la prise en compte de la différence biologique et des besoins entre hommes et femmes pour atteindre les meilleures conditions d'égalité et de complémentarité des genres.

kwinjiza uburinganire muri gahunda z’iterambere: gahunda igamije gushishikariza inzego zose kwita ku burunganire n’iterambere no gukosora ubukererwe mu iterambere bw’igice kimwe cy’abantu, baba abagore cyangwa abagabo.

gender mainstreaming in development programmes: a process which aims at sensitising all organisations to recognise gender and restore delays in gender development programmes.

intégration de la dimension genre dans les programmes de développement : un programme visant à sensibiliser toutes les institutions sur le respect de l’approche genre et développement et à compenser les retards de développement enregistrés par une partie de la population concernée, qu’il s’agisse des hommes ou des femmes.

Ingingo ya 3: Ubwigenge bw’Urwego n’urureberera

Urwego rufite ubuzimagatozi n’ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y’umutungo n’abakozi barwo.

Mu kurangiza inshingano zarwo, Urwego rukora mu bwisanzure nta mabwiriza ruhabwa n’izindi nzego.

Urwego rurebererwa n’Ibiro bya Minisitiri w’Intebe.

Article 3: Autonomy of the Office and the supervising Authority

The Office has a legal personality and an administrative and financial autonomy.

In fulfilment of its functions, the Office shall be independent with no instructions from any other organ.

The Office shall be supervised by the Office of the Prime Minister.

Article 3 : Autonomie de l’Observatoire et son organe de tutelle

L’Observatoire est doté de la personnalité juridique et de l’autonomie financière et administrative.

L’Observatoire jouit d’une indépendance dans l’exercice des ses attributions et ne reçoit de directives d’aucun autre organe.

L’Observatoire est placé sous la tutelle de la Primature.

Ingingo ya 4: Icyicaro cy’Urwego

Icyicaro cy’Urwego kiri mu Muji wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y’u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

Article 4: The headquarters of the Office

The headquarters of the Office is situate in Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred to elsewhere in Rwanda if considered necessary.

Article 4 : Siège de l’Observatoire

Le siège de l’Observatoire est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire national.

Urwego rukorera mu Gihugu hose.

The Office operates in the whole country.

Les activités de l’Observatoire s’étendent sur toute l’étendue de la République.

UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BY'URWEGO

Icyiciro cya mbere: Inshingano

Ingingo ya 5: Inshingano rusange z'Urwego

Muri rusange, Urwego rufite inshingano zikurikira:

- 1° gukurikirana no kugenzura ku buryo buhoraho iyubahirizwa ry'ingingo ngenderwaho za gahunda igamije kubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu iterambere ry'Igihugu mu cyerekezo cy'amajyambere arambye no kuba urwego rutanga inzira zigomba gukurikizwa mu byerekeye uburinganire mu kugira amahirwe angana no kutarenganywa;
- 2° gushyikiriza inzego zinyuranye imyanzuro yerekeranye na gahunda igamije guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu iterambere ry'Igihugu;
- 3° kugenzura iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu iterambere ry'Igihugu no gushyikiriza buri mwaka Guverinoma porogaramu na raporo z'ibikorwa byarwo, izindi nzego za Leta zivugwa mu ngingo ya 21 y'iri tegeko zikagenerwa kopi.

CHAPTER II: RESPONSIBILITIES AND POWERS OF THE OFFICE

Section One: Responsibilities

Article 5: General responsibilities of the Office

In general, the Office has the following responsibilities:

- 1° monitoring and carrying out evaluation on a permanent basis of compliance with gender indicators intended to respect gender in the context of the vision of sustainable national development and serving as a reference point on matters relating to gender equality and equity;
- 2° submitting to various institutions recommendations relating to the program of gender promotion in national development;
- 3° monitoring the respect of the principle of gender in national development and submit to the Cabinet its annual programme of action and the activity reports and reserve copies to other State organs mentioned in Article 21 of this Law.

CHAPITRE II: DES MISSIONS ET DE LA COMPETENCE DE L'OBSERVATOIRE

Section première : Des Missions

Article 5: Missions générales de l'Observatoire

En général, les attributions de l'Observatoire sont les suivantes:

- 1° assurer le suivi et évaluer d'une manière permanente le respect des indicateurs de genre dans la vision du développement durable et servir de cadre d'orientation et de référence en matière d'égalité de chance et d'équité ;
- 2° formuler des recommandations à l'endroit des différentes institutions dans le cadre de la promotion intégrée du genre dans le cadre du développement national.
- 3° faire le monitoring du respect du principe genre dans la vision du développement national et soumettre chaque année au Gouvernement le programme et le rapport d'activités et en réserver copie aux autres organes de l'Etat visés à l'article 21 de la présente loi.

Ingingo va 6: Inshingano zihariye z'Urwego

By'umwihariko, Urwego rufite inshingano zikurikira:

- 1° kugenzura uko amahame shingiro ya gender yubahirizwa mu nzego zose, zaba iza Leta, iz'abikorera, iz'imiryango itegamiye kuri Leta n'iz'amadini;
- 2° gusuzuma no gukurikirana politiki na gahunda by'Igihugu bigamije kwita ku buringanire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo;
- 3° kugenzura ko hariho politiki, gahunda ndetse n'imishinga itandukanye biteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo, uko bishyirwa mu bikorwa n'uburyo bigenerwa ingengo y'imari;
- 4° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano na gahunda mpuzamahanga byerekeye iyubahirizwa ry'amahame ya gender;
- 5° kurwanya akarengane n'ihohoterwa bishingiye kuri gender;
- 6° gukora ubuvugizi bw'iyubahirizwa ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ku nzego zose;

Article 6: Specific responsibilities of the Office

In particular, the Office has the following responsibilities:

- 1° monitoring on how the fundamental principles of gender are respected in all organs at governmental, private, non governmental and religious levels;
- 2° examining and monitoring the national policy and programs intended at ensuring the promotion of gender equality;
- 3° monitoring the existence of the policy, programs as well as different projects aimed at promoting gender equality, their implementation and the system of their budget allocation;
- 4° ensuring the implementation of the international agreements and programmes relating to the respect of the principles of gender;
- 5° fighting against gender based injustice and violence;
- 6° advocating for the respect of gender equality at all levels;

Article 6: Missions particulières de l'Observatoire

Les missions de l'Observatoire sont particulièrement les suivantes:

- 1° assurer le suivi du respect des principes fondamentaux de l'approche genre dans toutes les institutions, qu'elles soient publiques, privées, non gouvernementales ou religieuses ;
- 2° assurer l'évaluation et le suivi des politiques et programmes nationaux visant le respect de l'approche genre;
- 3° contrôler l'existence de différents politiques, programmes et projets favorables à la promotion de l'approche genre ; les modalités de leur mise en œuvre ainsi que le système de leur allocation budgétaire;
- 4° assurer le suivi de la mise en œuvre des conventions et des programmes internationaux relatifs au respect des principes de l'approche genre ;
- 5° combattre l'injustice et la violence basées sur le genre ;
- 6° faire le plaidoyer en faveur du respect de l'approche genre à tous les échelons ;

- | | | |
|--|--|---|
| 7° gukangurira inzego zose n'abaturage kubaka Igihugu cyubahiriza amahame ya gender; | 7° raising awareness for all institutions and the population to build a nation which respects principles of gender; | 7° sensibiliser toutes les institutions et la population sur la nécessité de bâtir une nation qui respecte les principes de l'approche genre; |
| 8° kumenyekanisha amategeko yo mu gihugu n'amategeko mpuzamahanga agamije guteza imbere uburinganire; | 8° disseminating national Laws and international Conventions aimed at promoting gender; | 8° vulgariser les lois nationales et les conventions internationales visant la promotion du genre; |
| 9° gutanga, rubisabwe cyangwa rubyibwirije, ibitekerezo ku mishinga y'amategeko, inyandiko za politiki n'ingamba cyangwa ibindi byemezo byerekeye uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo; | 9° providing, upon request or at own initiative, opinion on the draft laws, policy and strategy documents or any other decisions relating to gender equality; | 9° donner, sur demande ou de sa propre initiative, des avis sur les projets de loi, les documents des politiques et des stratégies ou sur d'autres mesures en rapport avec l'approche genre; |
| 10° gushishikariza inzego zose kwinjiza no kubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye muri gahunda zazo zose; | 10° encouraging all institutions to mainstream and to respect gender equality in all their programs; | 10° sensibiliser toutes les institutions sur l'intégration et le respect de l'approche genre dans tous leurs programmes ; |
| 11° gukora ubushakashatsi bushingiye ku mibare ku bibazo byihariye mu rwego rwo guteza imbere iyinjizwa n'iyubahirizwa ry'amahame ya gender no gutangaza ibyavuyemo nyuma y'isesengura; | 11° carrying out research based on statistics on specific issues in the framework of mainstreaming and respecting the principles of gender and disseminating the results after analysis; | 11° mener des recherches statistiques sur les problèmes spécifiques dans le cadre de la promotion de l'intégration et du respect des principes de l'approche genre et en publier les résultats après analyse; |
| 12° gushyiraho ibipimo bifasha kumenya ishusho y'uburinganire mu nzego zinyuranye ; | 12° developing gender awareness indicators in all sectors; | 12° mettre en place les indicateurs permettant d'identifier le degré de l'égalité des sexes dans différents domaines ; |
| 13° kugaragaza ahari ubusumbane bushingiye kuri "gender"mu nzego zose z'Igihugu no gutanga inzira yo kubikosora; | 13° identifying where there is gender based inequalities in all national bodies and providing a way to rectify them; | 13° identifier les disparités entre les genres dans tous les domaines de la vie du pays et proposer des voies de redressement; |
| 14° kwereka inzego z'ubuyobozi zibishinzwe ingamba zifata mu gihe habayeho guhungabanya uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo kugira ngo bikumirwe; | 14° proposing to the relevant administrative institutions the strategies to be taken in order to avoid violations of gender equality; | 14° proposer aux institutions administratives compétentes des mesures de prévention en cas de violation des principes de l'égalité des sexes; |

15° kugira inama inzego zose kugira ngo imikorere yazo irusheho kubahiriza amahame ya gender;

16° kubaka no kongera ubushobozi bw'Urwego n'ubw'abakozi barwo.

15° advising all institutions to respect the principles of gender equality;

16° building and increasing the capacity of the office and its staff.

15° donner des conseils à toutes les institutions en vue de les amener à mieux assurer le respect de l'approche genre dans leur fonctionnement;

16° développer et renforcer les capacités de l'Observatoire et de son personnel.

Icyiciro cya 2: Ububasha

Ingingo ya 7: Ububasha bw'Urwego

Kugira ngo inshingano zavuzwe mu ngingo ya 5 n'iya 6 z'iri tegeko zigerweho, Urwego rufite ububasha bukurikira:

- 1° kumenya ibikorwa by'inzego zose byerekeye amahame ya gender no kwaka ibisobanuro ku binyuranyije na yo;
- 2° kugaragaza no gutanga ibitekerezo ku mategeko akenewe gushyirwaho mu rwego rwo kubahiriza amahame ya gender;
- 3° kugaragaza amategeko cyangwa ingingo z'amategeko zavugururwa mu rwego rwo kubahiriza amahame ya gender;
- 4° kugeza kuri Guverinoma cyangwa ku Mutwe w'Abadepite ibitekerezo byashyirwa mu mbanzirizamushinga z'amategeko;
- 5° kwakira ibibazo by'akarengane gashingiye kuri gender, kubigeza ku nzego zibishinzwe no gukurikirana uburyo bikemurwa;

Section 2: Powers

Article 7: Powers of the Office

To achieve the responsibilities mentioned under Articles 5 and 6 of this law, the Office shall have the following powers:

- 1° identifying all gender acts of all institutions relating to gender principles and seeking explanations for any contraventions;
- 2° identifying and providing opinion on the Laws required to be enacted in order to respect the principles of gender;
- 3° identifying laws or provisions of laws requiring amendment in the context of respecting the principles of “gender”;
- 4° submitting to the Cabinet or to the Chamber of Deputies opinion which may be included in draft laws;
- 5° receiving complaints of “gender” based injustice, and submitting them to the relevant bodies for action and follow up ;

Section 2 : De la compétence

Article 7 : Compétence de l'Observatoire

En vue de la réalisation des attributions visées aux articles 5 et 6 de la présente loi, l'Observatoire jouit des pouvoirs suivants:

- 1° s'informer des activités de toutes les institutions concernées par les principes de l'approche genre et s'enquérir des explications d'actes contraires à ces principes ;
- 2° exprimer et donner des avis sur des lois nécessaires au respect des principes de l'approche genre ;
- 3° identifier les lois ou les dispositions légales devant être révisées en vue du respect des principes de l'approche genre ;
- 4° soumettre au Gouvernement ou à la Chambre des Députés des avis à intégrer dans les avant-projets ou propositions de loi ;
- 5° recevoir des pétitions liées à l'injustice basée sur le genre , les soumettre aux organes compétents et assurer le suivi de leur résolution ;

6° gushyikiriza ibibazo by'akarengane n'ihohoterwa bishingiye kuri gender inzego z'ubugenzacyaha, iz'ubushinjacyaha n'iz'ubutabera no gukurikirana uburyo bikemurwa;	6° submitting complaints of injustice and “gender” based violence to the Judicial Police, the Prosecution and the Judiciary and ensuring their settlement;	6° soumettre des pétitions d'injustice et de violence basées sur le genre à la police, au Ministère public et aux instances judiciaires et assurer le suivi de leur résolution;
7° kwakira umuntu wese ufite amakuru ajyanye n'ihungabanywa ry'uburinganire, rugakorera raporo inzego zibishinzwe rumaze kubisesengura;	7° receiving any person with information of gender inequality and to report to the relevant body after analysis;	7° recevoir toute personne disposant des informations sur la violation de l'approche genre et en faire rapport aux organes compétents après analyse;
8° kugira uruhare mu itegurwa ry'umushinga w'itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta mu rwego rwo kubahiriza ingengo y'imari yita kuri gender;	8° contributing to the preparation of the State Budget Draft Law in order to respect a “gender” sensitive budget;	8° contribuer à l'élaboration du projet de loi des finances de l'Etat en vue de mieux observer les normes budgétaires en relation avec le genre;
9° gusaba guhabwa inyandiko, kuzisomera aho cyangwa gusaba kopi yazo kimwe n'indi nyandiko yose ishobora kurufasha gusuzuma no gukusanya ubuhamya bw'ihungabanywa ry'ihame ry'uburinganire;	9° requesting for documents, consult them at source or requesting for their copies as well as any other document which may help the Office in examining and collecting evidence on the violation of the principles of gender;	9° requérir des écrits, les consulter sur place ou en demander des copies ainsi que toute autre pièce de nature à aider à l'analyse et à la collecte des éléments de preuve de violation du principe de l'approche genre;
10° kwifashisha impuguke n'abandi bakozi bunganira abagize Urwego mu kurangiza inshingano zabo;	10° seeking technical assistance from experts and other support staff of the Office in order to fulfil its duties;	10° recourir aux experts et à d'autre personnel devant appuyer les membres de l'Observatoire dans l'exécution de leurs tâches ;
11° kwakira, gutunga no gukoresha umutungo warwo;	11° receiving, owning and using its property;	11° recevoir, posséder et utiliser son patrimoine ;
12° kugirana amasezerano n'umuntu, umuryango cyangwa urundi rwego;	12° contracting with a person, an organisation or any other body;	12° conclure un contrat avec une personne physique ou morale ou tout autre organe;
13° gutegura inama ya Komite Ngishwanama.	13° organising the Consultative Committee meeting.	13° préparer la réunion du Comité Consultatif.

UMUTWE WA III: IMITERERE N'IMIKORERE Y'URWEGO

Ingingo va 8: Inzego

Inzego z'Urwego ni izi zikurikira:

- 1° Ubugenzuzi Bukuru bw'Urwego;
- 2° Ubunyamabanga Nshingwabikorwa;
- 3° Komite Ngishwanama.

Icyiciro cya mbere: Ubugenzuzi Bukuru bw'Urwego

Ingingo ya 9: Ubugenzuzi Bukuru bw'Urwego

Ubugenzuzi Bukuru bw'Urwego ni rwo rwego rukuru mu byerekeye imiyoborere no gufata ibyemezo birufasha kugera ku nshingano zarwo.

Ingingo ya 10: Abagize Ubugenzuzi Bukuru bw'Urwego n'uko bashyirwaho

Ubugenzuzi Bukuru bw'Urwego bugizwe n'Ubugenzuzi Mukuru wa gender n'Abagenzuzi bakuru ba gender bungirije babiri (2). Bagomba kuba ari Abanyarwanda bazwiho kuba inyangamugayo no kugira ubushishozi n'ubushobozi bwo kurangiza inshingano zabo.

CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE OFFICE

Article 8: Organs

The organs of the Office are as follows:

- 1° the High Monitoring Council of the Office;
- 2° the Executive Secretariat;
- 3° the Consultative Committee.

Section One: The High Monitoring Council of the Office

Article 9: High Monitoring Council of the Office

The High Monitoring Council is the supreme organ of the Office in the overall management and making decisions which help in the fulfilment of its responsibilities.

Article 10: Members of the High Monitoring Council of the Office and their appointment

The High Monitoring Council of the Office shall be composed of the Chief Gender Monitor and two (2) deputy Chief Gender Monitors. They shall be Rwandans with the necessary integrity, discernment and ability to accomplish their responsibilities.

CHAPITRE III: DE L'ORGANISATION ET DU FONCTIONNEMENT DE L'OBSERVATOIRE

Article 8 : Organes

L'Observatoire est doté d'organes suivants :

- 1° le Conseil Supérieur de Suivi de l'Observatoire;
- 2° le Secrétariat Exécutif ;
- 3° le Comité Consultatif.

Section première : Du Conseil Supérieur de Suivi de l'Observatoire

Article 9 : Conseil Supérieur de Suivi de l'Observatoire

Le Conseil Supérieur de Suivi de l'Observatoire est l'organe suprême de direction et de prise de décisions pour la réalisation de ses attributions.

Article 10 : Membres du Conseil Supérieur de Suivi de l'Observatoire et procédure de leur nomination

Le Conseil Supérieur de Suivi de l'Observatoire est composé d'un Observateur en Chef du genre et de deux (2) Observateurs en Chef Adjoints du genre. Ils doivent être des Rwandais réputés intègres et ayant l'esprit de discernement et la capacité pour la réalisation de leurs attributions.

Mu Bagenzuzi Bakuru ba gender hagomba kuba harimo nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagore.

Kuri buri mwanya w'abagize Ubugenzuzi Bukuru bw'Urwego, Guverinoma ishyikiriza Sena amazina y'umukandida wumvikanyweho mu Nama y'Abaminisitiri kugira ngo imwemeze.

Abemejwe bashyirwaho n'Iteka rya Perezida.

Ingingo ya 11: Manda y'Abagenzuzi Bakuru ba gender

Umugenzuzi Mukuru wa gender atorerwa imyaka itanu (5), Abagenzuzi Bakuru ba gender bungirije bagatorerwa imyaka ine (4).

Manda y'Abagenzuzi Bakuru ba gender ishobora kongerwa inshuro imwe binyuze mu nzira byanyuzemo kuri manda ya mbere.

Ingingo ya 12: Irahira ry'Abagenzuzi Bakuru ba "gender"

Mbere yo gutangira imirimo bashinzwe, Umugenzuzi Mukuru wa gender n'Abagenzuzi Bakuru ba gender bungirije barahirira imbere y'Urukiko rw'Ikirenga indahiro iteganywa n'ingingo ya 61 y'Itegeko Nshinga.

Among the High Monitoring Council members, there shall be included at least thirty per cent (30%) of women.

At each post of the High Monitoring Council of the Office, the Cabinet shall submit to the Senate the names of the candidate agreed upon in the Cabinet meeting for approval.

The persons approved shall be approved by a Presidential Order.

Article 11: Mandate of Chief Gender Monitors

The Chief Gender Monitor and the Deputy Chief Gender Monitors shall be appointed for a term of five (5) and four (4) years respectively.

The term of office of the members of the High Monitoring Council of the Office may be renewed only once through procedures applied in the first term.

Article 12: Taking oath by Chief Gender Monitors

Before taking office, the Chief Gender Monitor and the Deputy Chief Gender Monitors shall take oath as provided for in Article 61 of the Constitution before the Supreme Court.

Trente pour cent (30%) au moins des membres du Conseil Supérieur de Suivi de l'Observatoire du genre sont de sexe féminin.

Le Gouvernement soumet au Sénat, pour chaque poste du Conseil Supérieur de Suivi de l'Observatoire, les noms du candidat proposé par le Conseil des Ministres pour approbation. Les candidats approuvés sont nommés par Arrêté Présidentiel.

Article 11: Mandat des Observateurs en Chef du genre

L'Observateur en Chef et les Observateurs en Chef Adjoints du genre sont respectivement désignés pour un mandat de cinq (5) ans et de quatre (4) ans.

Le mandat des membres du Conseil Supérieur de Suivi de l'Observatoire est renouvelable une fois suivant la procédure qui avait été utilisée au premier mandat.

Article 12: Prestation de serment des Observateurs en Chef du genre

Avant d'entrer en fonction, l'Observateur en Chef du genre et les Observateurs en Chef Adjoints du genre prêtent, devant la Cour Suprême, le serment prévu à l'article 61 de la Constitution.

Ingingo ya 13: Impamvu zituma ugize
Ubugenzuzi Bukuru avanwa
muri uwo mwanya

Umugenzuzi Mukuru wa gender cyangwa Umugenzuzi Mukuru wa gender Wungirije ava muri uwo mwanya iyo:

- 1° manda ye irangiye;
- 2° yeguye akoresheje inyandiko;
- 3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta;
- 4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);
- 5° bigaragaye ko atacyujuje ibyashyingiweho ashyirwa muri uwo mwanya;
- 6° bigaragaye ko abangamiye inyungu z'Urwego;
- 7° yireze akemera icyaha cya jenocide;
- 8° agaragaweho ibimenyetso by'ingengabitekerezo ya jenocide;
- 9° agaragaje imyitwarire itajyanye n'inshingano ze;
- 10° agaragaje imyitwarire ibangamiye amahame ya gender
- 11° apfuye.

Article 13: Reasons for removal of a
member of the High Monitoring Council

The Chief Gender Monitor or the Deputy Chief Gender Monitor shall leave such an office if:

- 1° his or her term of office expires;
- 2° he or she resigns through writing;
- 3° he or she is no longer able to perform his or her duties due to physical or mental disability certified by an authorized medical doctor;
- 4° definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;
- 5° it is clear that he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment in such a post;
- 6° he or she jeopardises the interests of the Office;
- 7° he or she confesses and pleads guilty of the crime of genocide;
- 8° he or she is characterised by the ideology of genocide;
- 9° he or she demonstrates behaviours contrary to his or her responsibilities;
- 10° he or she demonstrates behaviours contrary to the principles of gender;
- 11° he or she dies.

Article 13: Causes de perte de la qualité
de membre d'Observateur en Chef

Un Observateur en chef du genre ou un Observateur en Chef Adjoint du genre perd la qualité de membre dans les cas suivants :

- 1° 1° expiration du mandat;
- 2° démission par notification écrite;
- 3° incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé ;
- 4° condamnation définitive à une peine d'emprisonnement supérieure ou égale à six (6) mois;
- 5° s'il ne remplit plus les conditions requises pour lesquelles il avait été nommé ;
- 6° agissement contre les intérêts de l'Observatoire;
- 7° aveu et plaidoyer de culpabilité pour crime de génocide ;
- 8° comportement caractérisé par l'idéologie du génocide ;
- 9° comportement incompatible avec ses attributions ;
- 10° comportement incompatible avec les principes de l'approche genre;
- 11° décès.

**Ingingo ya 14: Uko abagize Ubugenzuzi
Bukuru bava mu myanya**

Iyo bibaye ngombwa, icyemezo cyo kuvana Umugenzuzi Mukuru wa gender cyangwa Umugenzuzi Mukuru wa gender Wungirije ku mirimo ye gifatwa n'Umutwe wa Sena ubisabwe n'Inama y'Abaminisitiri cyangwa bisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize Umutwe wa Sena.

Kwegura ku murimo k'Umugenzuzi Mukuru wa gender cyangwa Umugenzuzi Mukuru wa gender Wungirije bigezwa, mu nyandiko ishinganye cyangwa ifite icyemezo cy'iyakira, kuri Minisitiri w'Intebe. Iyo ntacyo abivuzeho mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30), ukwegura kwe kuba kwemewe.

Umugenzuzi Mukuru wa gender cyangwa Umugenzuzi Mukuru wa gender Wungirije uvuye ku murimo, ku mpamvu iyo ari yo yose, asimburwa bitarenze igihe cy'amezi atatu (3) avuyeho. Umusimbuye arangiza igihe cya manda uwo asimbuye yari asigaje.

Ibivugwa mu gika kibanziriza iki ntibikurikizwa iyo hasigaye amezi atarenze atandatu (6) kugira ngo manda y'usimburwa irangire.

**Article 14: Procedure for removal of the
members of the High monitoring Council**

If considered necessary, the decision to dismiss the Chief Gender Monitor or the Deputy Chief Gender Monitor from duties shall be taken by the Senate upon request by the Cabinet meeting or by a third (1/3) of the Senators.

Resignation from duty by the Chief Gender Monitor or the Deputy Chief Gender Monitor shall be submitted via a registered mail or one requiring official receipt to the Prime Minister. In default of any response within a period of thirty (30) days, the resignation shall be considered approved.

The Chief Gender Monitor or the Deputy Chief Gender Monitor who leaves office due to any reason shall be replaced within a period not exceeding three (3) months from the time he or she leaves office. The substitute shall complete the remaining term of office.

Provisions of the preceding Paragraph of this Article shall not apply if the remaining period of the term for the person to be replaced does not exceed six (6) months.

**Article 14 : Procédure à suivre pour la
perte de la qualité de membre du Conseil
Supérieur de Suivi de l'Observatoire**

L'Observateur en Chef du genre ou l'Observateur en Chef Adjoint du genre est, en cas de nécessité, démis de ses fonctions par le Sénat sur proposition du Conseil des Ministres ou d'un tiers (1/3) des membres du Sénat.

La démission de l'Observateur en Chef du genre ou de l'Observateur en Chef Adjoint du genre est adressée au Premier Ministre par lettre recommandée ou avec accusé de réception. A défaut de sa réaction dans un délai de trente (30) jours, la démission est réputée acceptée.

Un Observateur en Chef du genre ou un Observateur en Chef Adjoint du genre qui a perdu la qualité de membre pour quelque raison que ce soit est remplacé dans un délai de trois (3) mois à compter du jour de la cessation de ses fonctions. Le remplaçant termine le reste de la durée du mandat de la personne remplacée.

Les dispositions de l'alinéa précédent du présent article ne s'appliquent pas si le reste du mandat de la personne à remplacer ne dépasse pas six (6) mois.

Ingingo ya 15: Inshingano z'Umugenzuzi Mukuru wa "gender"

Usibye inshingano z'Urwego ashinzwe gushyira mu bikorwa, Umugenzuzi Mukuru wa gender ashinzwe by'umwihariko ibi bikurikira:

- 1° guhuza no kuyobora imirimo y'Urwego ku buryo inshingano zarwo zose zuzuzwa;
- 2° guhagararira no kuvuganira Urwego mu nzego zose z'Igihugu no mu mahanga;
- 3° gutumira no kuyobora inama z'Urwego;
- 4° gushyikiriza raporo inzego ziteganyijwe n'iri tegeko;
- 5° kumenyesha ibyemezo abo bigenewe;
- 6° kwita ku ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe;
- 7° gushyikiriza inzego zibishinzwe ibitekerezo bijyanye n'iyubahirizwa rya gender, ku nyandiko za politiki, ku mishinga y'amategeko n'iy'ingengo z'imari z'ibyiciro byose;
- 8° gutumiza no kuyobora inama za Komite Ngishwanama.

Article 15: Responsibilities of the Chief Gender Monitor

In addition to the functions of the Office he or she is required to implement, the Chief Gender Monitor is particularly responsible for:

- 1° coordinating and directing the activities of the Office such that all the functions of the Office are fulfilled;
- 2° representing and advocating for the Office in all national institutions and abroad;
- 3° convening and chairing the meeting of the Office;
- 4° submitting the report to the institutions provided for by this Law;
- 5° informing all those concerned of the decisions taken;
- 6° ensuring the implementation of the decisions taken;
- 7° submitting to the relevant bodies views relating to respect for gender, policy documents, draft laws and to draft budget laws at all stages;
- 8° convening and chairing the Consultative Committee meetings.

Article 15 : Attributions de l'Observateur en Chef du genre

Outre les attributions de l'Observatoire dont la responsabilité lui est confiée, l'Observateur en Chef du genre est particulièrement chargé de :

- 1° coordonner et diriger les activités de l'Observatoire de manière à ce que toutes les attributions soient réalisées ;
- 2° représenter l'Observatoire et faire le plaidoyer en sa faveur devant toutes les institutions tant nationales qu'étrangères;
- 3° convoquer et diriger les réunions de l'Observatoire ;
- 4° transmettre les rapports aux institutions prévues par la présente loi ;
- 5° communiquer les décisions aux concernées.
- 6° assurer la mise en œuvre des décisions prises ;
- 7° soumettre aux organes compétents des avis sur l'approche genre, les documents des politiques, les projets de lois et de budgets de tous les échelons ;
- 8° convoquer et diriger les réunions du Comité consultatif.

Ingingo ya 16: Inshingano z'Umugenzuzi Mukuru wa gender Wungirije ushinzwe iyubahirizwa rw'uburinganire

Umugenzuzi Mukuru wa gender Wungirije ushinzwe iyubahirizwa ry'uburinganire muri za politiki, mu mategeko, muri za porogaramu no mu mishinga, ashinzwe cyane cyane ibi bikurikira:

- 1° gusimbura Umugenzuzi Mukuru wa gender iyo adahari;
- 2° gushyiraho ibipimo ngenderwaho mu iyubahirizwa rya gender no kubishyikiriza inzego zinyuranye;
- 3° gukurikirana no guhuza ibikorwa by'ubushakashatsi bushingiye ku mibare igaragaza ishusho ry'uburinganire mu nzego zose z'ubuzima bw'Igihugu;
- 4° gutegura no gutanga ibiganiro bigenewe inzego za Leta, iz'abikorera, iz'imiryango itegamiye kuri Leta n'amadini, kugira ngo amahame ya gender abashe kubahirizwa muri gahunda zose;
- 5° gutegura ibiganiro bihabwa abaturage ku mategeko yo mu gihugu n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono, bigamije guteza imbere gender;

Article 16: Responsibilities of the Deputy Chief Gender Monitor in charge of gender

The Deputy Chief Gender Monitor in charge of respect of gender in policies, laws, programs and projects is particularly responsible for:

- 1° replacing the Chief Gender Monitor in case of his or her absence;
- 2° putting in place basic indicators in respect of gender and to submitting them to various bodies ;
- 3° monitoring and coordinating the research activities basing on statistics showing the general picture of gender in all bodies of the national life;
- 4° organising and providing debates for public, private and non governmental and religious organisations in order to respect gender principles in all programmes;
- 5° organising debates for the public on national legislation in order for the principles of gender to be respected in all programmes;

Article 16 : Attributions de l'Observateur en Chef Adjoint du genre chargé de l'approche genre

Les attributions de l'Observateur en Chef Adjoint du genre chargé de l'intégration de l'approche genre dans les politiques, les lois, les programmes et les projets sont particulièrement les suivantes:

- 1° assurer l'intérim de l'Observateur en Chef du genre en cas d'absence ;
- 2° élaborer les indicateurs du respect de l'approche genre et les soumettre aux différents organes;
- 3° assurer le suivi et la coordination des activités de recherche sur les données statistiques en rapport avec l'égalité des genres dans tous les secteurs de la vie nationale;
- 4° préparer et donner des débats à l'intention des instances publiques, privées, non gouvernementales et religieuses en vue du respect de l'intégration des principes de l'approche genre dans tous les programmes;
- 5° organiser, à l'intention de la population, des débats sur les lois nationales et conventions internationales ratifiées par le Rwanda en vue de la promotion de l'approche genre ;

6° gukurikirana iyubahirizwa ry'amasezerano na gahunda mpuzamahanga bigamije guteza imbere gender u Rwanda rwashyizeho umukono no kubikorera raporo;

7° gukora raporo y'ibikorwa no kuyishyikiriza Umugenzuzi Mukuru wa gender;

8° kujya mu nama za Komite Ngishwanama;

9° gukora indi mirimo iri mu nshingano z'Urwego yashingwa n'Umugenzuzi Mukuru wa gender.

Ingingo ya 17: Inshingano z'Umugenzuzi Mukuru wa gender Wungirije ushinzwe kurwanya akarengane n'ihohoterwa bishingiye kuri gender

Umugenzuzi Mukuru wa gender Wungirije ushinzwe kurwanya akarengane n'ihohoterwa bishingiye kuri gender ashinzwe cyane cyane ibi bikurikira:

1° kwakira no gusuzuma ibibazo by'abaturage bijyanye n'akarengane n'iby'ihohoterwa bishingiye kuri gender no kubigeza ku Mugenzuzi Mukuru wa gender kugira ngo Urwego rubifateho ibyemezo;

2° gukusanya amakuru ajyanye n'akarengane n'ihohoterwa bishingiye kuri gender;

6° monitoring the respect of international agreements and programs ratified by Rwanda to promote gender and preparing a report thereof;

7° making the activity report and submitting it to the Chief Gender Monitor;

8° attending the Consultative Committee meetings;

9° performing any other activities which are in the responsibilities of the Office as may be assigned by the Chief Gender Monitor.

Article 17: Responsibilities of the Deputy Chief Gender Monitor in charge of fighting against injustice and gender based violence

The Deputy Chief Gender Monitor in charge of fighting against injustice and gender based violence is particularly responsible for:

1° receiving and examining complaints relating to injustice and gender based violence and forwarding them to the Chief Gender Monitor in order for the Office to take decisions ;

2° collecting information relating to injustice and “gender” based violence;

6° assurer le suivi de la mise en application des conventions et des programmes internationaux ratifiés par le Rwanda visant la promotion du genre et dresser un rapport y relatif;

7° élaborer le rapport d'activités et le soumettre à l'Observateur en Chef du genre ;

8° participer aux réunions du Comité consultatif;

9° exécuter toute autre tâche rentrant dans les attributions de l'Observatoire qui pourrait lui être assignée par l'Observateur en Chef du genre.

Article 17: Attributions de l'Observateur en Chef Adjoint du genre chargé de combattre l'injustice et la violence basées sur le genre

Les attributions de l'Observateur en Chef Adjoint du genre chargé de combattre l'injustice et la violence basées sur le genre sont particulièrement les suivantes:

1° recevoir et examiner les pétitions de la population relatives à l'injustice et à la violence basées sur le genre et les soumettre à l'Observateur en Chef du genre pour décision par l'Observatoire;

2° collecter les informations sur l'injustice et la violence basées sur le genre ;

- 3° gukurikirana ibirebana n'iyubahirizwa rya gender mu ngengo y'imari y'inzeho zose;
- 4° gukora raporo y'ibikorwa no kuyishyikiriza Umugenzuzi Mukuru wa gender;
- 5° kujya mu nama za Komite Ngishwanama;
- 6° gukora indi mirimo iri mu nshingano z'Urwego yashyirwa n'Umugenzuzi Mukuru wa gender.

- 3° ensuring matters relating to respect for gender are included in budget of all institution;
- 4° preparing an activity report and transmitting it to the Chief Gender monitor;
- 5° attending Consultative Committee meetings.
- 6° performing any other activity which is in the functions of the Office as may be assigned by the Chief Gender monitor.

- 3° faire le suivi d'intégration des principes de l'approche genre dans le budget de toute institution;
- 4° élaborer le rapport d'activités et le soumettre à l'Observateur en Chef du genre;
- 5° participer aux réunions du Comité consultatif ;
- 6° exécuter toute autre tâche rentrant dans les attributions de l'Observatoire qui pourrait lui être assignée par l'Observateur en chef du genre.

Ingingo ya 18: Ububasha bw'Umugenzuzi Bukuru bw'Urwego

Umugenzuzi Bukuru bw'Urwego bufitwe cyane cyane ububasha bukurikira:

- 1° kwemeza umushinga w'Amategeko Ngengamikorere y'Urwego ashirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe;
- 2° kwemeza imbanzirizamushinga y'imbonerahamwe y'imiterere y'inzeho z'imirimo y'Urwego n'uburyo abakozi bashyirwa mu myanya;
- 3° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari n'imikoreshereze y'imari;
- 4° kwemeza raporo z'Urwego mbere y'uko zoherezwa abayobozi zigenewe;

Article 18: Powers of the High Monitoring Council of the Office

The High Monitoring Council of the Office shall have in particular power for:

- 1° adopting the draft internal rules and regulations of the Office which shall be established by an order of the Prime Minister ;
- 2° approving the draft organisational structure of the Office and the procedures of the appointment of the personnel;
- 3° approving the draft budget and the use of finance;
- 4° approving the reports of the Office before transmitting them to the concerned authorities;

Article 18 : Pouvoirs du Conseil Supérieur de Suivi de l'Observatoire

Les pouvoirs du Conseil Supérieur de Suivi de l'Observatoire sont principalement les suivants:

- 1° 1° adopter le projet de Règlement d'ordre intérieur de l'Observatoire qui sera établi par Arrêté du Premier Ministre;
- 2° approuver l'avant-projet du cadre organique de l'Observatoire et les modalités de recrutement du personnel;
- 3° approuver l'avant-projet de budget et l'utilisation des finances ;
- 4° approuver les rapports de l'Observatoire avant de les transmettre aux autorités compétentes ;

- 5° kwemeza raporo y'ibikorwa y'umwaka ishyikirizwa Guverinoma;
- 6° kwemeza gahunda n'ingamba zikenewe, kugira ngo Urwego rugere ku nshingano zarwo;
- 7° gufata ibyemezo ku micungire y'abakozi n'iy'umutungo w'Urwego.

Ingingo ya 19: Uburyo inama z'Ubugenzuzi Bukuru ziterana n'uko ibyemezo bifatwa

Uburyo inama z'Ubugenzuzi Bukuru bw'Urwego ziterana n'uko ibyemezo bifatwa bigenwa n'Amategeko Ngengamikorere y'Urwego.

Ingingo ya 20: Ibigenerwa abagize Ubugenzuzi Bukuru bwa gender

Ibihembo n'ibindi bihabwa abagize Ubugenzuzi Bukuru bwa gender bigenwa n'Iteka rya Perezida.

Ingingo ya 21: Inzego zihabwa raporo

Urwego rushyikiriza buri mwaka Guverinoma porogaramu na raporo z'ibikorwa byarwo, Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi, n'Urukiko rw'Ikirenga bikagenerwa kopi.

- 5° approving the annual activity report to be submitted to the executive;
- 6° approving the necessary action plan and strategies in order for the office to fulfil its responsibilities;
- 7° taking decisions on the personnel and property management of the Office.

Article 19: Procedures on the conduct of meetings of the High monitoring Council and the procedure of making decisions

The procedures through which the meetings of the High Monitoring Council of the Office convene and the procedure of making decisions shall be determined by the internal rules and regulations of the Office.

Article 20: Benefits of the members of High monitoring Council

Salaries and other fringe benefits due to Chief Gender Monitors shall be determined by a Presidential Order.

Article 21: Organs that are given reports

The Office shall, each year, submit its plan of action and the activity reports to the Cabinet and reserve copies for both Chambers of the Parliament and the Supreme Court.

- 5° approuver le rapport annuel d'activités devant être soumis au Gouvernement ;
- 6° approuver les programmes et stratégies nécessaires à la réalisation des attributions de l'Observatoire ;
- 7° prendre des décisions sur la gestion du personnel et du patrimoine de l'Observatoire ;

Article 19: Modalités de tenue des réunions du Conseil Supérieur de Suivi et de prise de décisions

Les modalités de tenue des réunions et de prise de décisions du Conseil Supérieur de Suivi de l'Observatoire sont déterminées par son Règlement d'ordre intérieur.

Article 20 : Avantages accordés aux membres du Conseil Supérieur de suivi

Les salaires et autres avantages accordés aux membres du Conseil Supérieur de suivi sont déterminés par Arrêté Présidentiel.

Article 21: Organes auxquels sont transmis les rapports

L'Observatoire transmet chaque année son programme et son rapport d'activités au Gouvernement et réserve copie aux deux Chambres du Parlement et à la Cour Suprême.

Ingingo ya 22: Igihe raporo itangirwa

Umugenzuzi Mukuru wa gender ageza kuri Minisitiri w'Intebe raporo y'ibikorwa by'Urwego by'umwaka ushize na gahunda y'ibikorwa y'umwaka utangiye, bitarenze ukwezi kwa gatanu k'umwaka utangiye.

Icyiciro cya 2: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa

Ingingo ya 23: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa

Urwego rufite Ubunyamabanga Nshingwabikorwa buyoborwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Ingingo ya 24: Ishyirwaho ry'abakozi

Urwego rushyiraho abakozi barwunganira mu mirimo yarwo ya buri muni hakurikijwe sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

Ingingo ya 25: Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa

Umunyamabanga Nshingwabikorwa afite inshingano zikurikira:

Article 22: Reporting schedule

The Chief Gender Monitor shall submit to the Prime Minister the activity report of the Office of the previous year and the plan of action of the year that has begun not later than March of that year.

Section 2: The Executive Secretariat

Article 23: The Executive Secretariat

The Office has an Executive Secretariat headed by an Executive Secretary appointed by an Order of the Prime Minister.

Article 24: Staff recruitment

The Office shall recruit its support staff in its daily activities in accordance with the general statutes for Rwanda Public Service.

Article 25: Responsibilities of the Executive Secretary

The Executive Secretary shall be in charge of:

Article 22: Calendrier de soumission de rapports

L'Observateur en Chef du genre transmet au Premier Ministre le rapport d'activités de l'année précédente et le plan d'action de l'année qui commence au plus tard au mois de mars de l'année en cours.

Section 2 : Du Secrétariat Exécutif

Article 23: Secrétariat Exécutif

L'Observatoire est doté d'un Secrétariat Exécutif dirigé par un Secrétaire Exécutif nommé par Arrêté du Premier Ministre.

Article 24: Recrutement du personnel

L'Observatoire recrute le personnel qui l'appuie dans ses activités journalières conformément au Statut général de la fonction publique rwandaise.

Article 25: Attributions du Secrétaire Exécutif

Le Secrétaire Exécutif exerce les attributions suivantes :

1° gukurikirana imikorere ya buri muni y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Urwego;	1° monitoring the daily activities of the Executive Secretariat of the Office;	1° assurer le suivi du fonctionnement journalier du Secrétariat exécutif de l'Observatoire ;
2° kuyobora abakozi b'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa;	2° directing the staff of the Executive Secretariat;	2° diriger le personnel du Secrétariat Exécutif ;
3° gucunga imikoreshereze y'ingengo y'imari n'umutungo by'Urwego;	3° managing the use of the budget and the property of the Office;	3° gérer les finances et le patrimoine de l'Observatoire ;
4° gutegura imbanzirizamushinga y'imbonerahamwe y'imiterere y'inzeho z'imirimo y'Urwego akawushyikiriza Ubugenzuzi Bukuru bw'Urwego;	4° preparing the draft of the organisational structure of the Office and transmitting it to the High Monitoring Council of the Office;	4° élaborer l'avant-projet de cadre organique de l'Observatoire et le soumettre au Conseil Supérieur de Suivi de l'Observatoire;
5° gutegura umushinga wa gahunda y'ibikorwa n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya buri mwaka akabishyikiriza Ubugenzuzi Bukuru bw'Urwego;	5° preparing the draft of the plan of action and the draft budget of each year and transmitting them to the High Council of the Office;	5° élaborer le projet de plan d'action et l'avant-projet de budget annuel et les soumettre au Conseil Supérieur de Suivi de l'Observatoire;
6° kugeza ku Bugenzuzi Bukuru bw'Urwego raporo y'ibikorwa na raporo yerekeye imikoreshereze y' imari n'imicungire y'umutungo by'Urwego by'umwaka ushize;	6° submitting to the High Monitoring Council of the Office the activity report and the report relating to the use of finance and the management of property of the previous year of the Office;	6° soumettre au Conseil Supérieur de Suivi de l'Observatoire le rapport d'activités et le rapport d'utilisation des finances et de gestion du patrimoine de l'Observatoire pour l'exercice précédent ;
7° kujya mu nama z'Ubugenzuzi Bukuru bw'Urwego akazibera umwanditsi ariko ntafata ibyemezo;	7° attending the meetings of the High Monitoring Council of the Office and serving as the rapporteur without the right to vote;	7° participer aux réunions du Conseil Supérieur de Suivi de l'Observatoire et en être le rapporteur sans voix délibérative ;
8° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Ubugenzuzi Bukuru bw'Urwego;	8° implementing the decisions of the High Monitoring Council of the Office;	8° assurer la mise en application des décisions du Conseil Supérieur de Suivi de l'Observatoire;
9° gukusanya no kubika inyandiko zerekeye ibikorwa by'Urwego;	9° gathering and keeping documents relating to the activities of the Office;	9° collecter et assurer l'archivage des documents relatifs aux activités de l'Observatoire ;
10° kujya mu nama za Komite Ngishwanama akazibera Umwanditsi;	10° attending Consultative Committee meetings and acting as their rapporteur;	10° participer aux réunions du Comité consultatif et en être le rapporteur;

11° gukora indi mirimo ijyanye n'inshingano z'Urwego yasabwa n'Ubugenzuzi Bukuru bw'Urwego.

Ingingo ya 26: Imbonerahamwe y'inzego z'imirimo

Imbonerahamwe n'imiterere y'inzego z'imirimo y'Urwego bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Icyiciro cya 3: Komite Ngishwanama

Ingingo ya 27: Komite Ngishwanama

Ubugenzuzi Bukuru bw'Urwego bwunganirwa na Komite Ngishwanama igizwe n'abantu baturuka mu nzego zinyuranye. Bagomba kuba ari Abanyarwanda bazwiho kuba inyangamugayo no kugira ubushishozi n'ubushobozi bwo kurangiza inshingano zabo.

Abagize Komite Ngishwanama bahabwa manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa inshuro imwe.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Komite Ngishwanama bagomba kuba ari abagore.

11° performing any other activity relating to the functions of the Office as may be assigned by the High Monitoring Council;

Article 26: Organisational structure

The organisational structure of the Office shall be determined by a Prime Minister's Order.

Section 3: Consultative Committee.

Article 27: Consultative Committee

The High Monitoring Council of the Office shall be assisted by the Consultative Committee composed of persons from different institutions. They shall be Rwandans characterised by integrity, discernment and ability to fulfil their responsibilities.

Members of the Consultative committee shall serve for a term of three (3) years which may be renewable only once.

At least thirty per cent (30%) of the members of the Consultative Committee shall be women.

11° exécuter toute autre tâche rentrant dans les attributions de l'Observatoire qui pourrait lui être assignée par le Conseil Supérieur de Suivi de l'Observatoire.

Article 26 : Cadre organique

L'organigramme et le cadre organique de l'Observatoire sont déterminés par Arrêté du Premier Ministre.

Section 3 : Du Comité Consultatif

Article 27: Comité Consultatif

Le Conseil Supérieur de Suivi de l'Observatoire est appuyé par le Comité Consultatif composé de membres issus de différentes institutions. Ils doivent être de nationalité rwandaise et réputés intègres et avoir un esprit de discernement et la capacité leur permettant de réaliser leurs attributions.

Les membres du Comité Consultatif sont nommés pour un mandat de trois (3) ans renouvelable une seule fois.

Trente pour cent (30%) au moins des membres du Comité Consultatif sont du sexe féminin.

**Ingingo ya 28: Ishyirwaho ry’abagize
Komite Ngishwanama n’ibyo
bagenerwa**

Iteka rya Minisitiri w’Intebe rishyiraho abagize Komite Ngishwanama rikanagena umubare wabo.

Abitabiriye inama ya Komite Ngishwanama bahabwa amafaranga agenwa n’Iteka rya Perezida.

**Ingingo ya 29: Inshingano za Komite
Ngishwanama**

Inshingano z’ingenzi za Komite Ngishwanama ni izi zikurikira:

- 1° kugira inama Ubugenzuzi Bukuru bw’Urwego kugira ngo bubashe kurangiza inshingano zabwo;
- 2° gutanga inama n’ibitekerezo ku bibazo abagize Komite Ngishwanama bagejejweho n’Ubugenzuzi Bukuru bw’Urwego cyangwa bazi ubwabo ;
- 3° gutanga ibitekerezo ku igenamigambi na raporo z’ibyakozwe n’Urwego.

**Article 28: Appointment of the members of
the Consultative Committee**

An Order of the Prime Minister shall appoint and determine the number of the members of the Consultative Committee.

The members of the Consultative Committee meeting shall be entitled to a sitting allowance determined by a Presidential Order.

**Article 29: Responsibilities of the
Consultative Committee**

The Consultative Committee shall have main responsibilities for:

- 1° advising the High Monitoring Council of the Office in order to fulfil its responsibilities;
- 2° providing advice and suggestions on issues the High Monitoring Office submits to the members of the Consultative Committee or those they themselves identify;
- 3° providing suggestions on the planning and report on the activity of the Office.

**Article 28 : Nomination des membres du
Comité Consultatif et leurs avantages**

Un Arrêté du Premier Ministre nomme les membres du Comité Consultatif et détermine leur nombre.

Les membres du Comité Consultatif bénéficient de jetons de présence dont le montant est déterminé par Arrêté Présidentiel.

**Article 29 : Attributions du Comité
Consultatif**

Les attributions principales du Comité Consultatif sont les suivantes :

- 1° conseiller le Conseil Supérieur de Suivi de l’Observatoire en vue de lui permettre de réaliser ses attributions ;
- 2° donner des conseils et avis sur des questions soumises pour examen par le Conseil Supérieur de Suivi de l’Observatoire au Comité Consultatif ou celles dont ses membres ont eux-mêmes pris connaissance ;
- 3° donner des avis sur la planification et le rapport d’activités de l’Observatoire .

Ingingo ya 30: Itumizwa n'iyobora ry'inama ya Komite Ngishwanama

Inama y'abagize Komite Ngishwanama itumizwa n'Umugenzuzi Mukuru wa "gender" akanayiyobora, iyo adahari bikorwa n'Umugenzuzi Mukuru wa "gender" wungirije ubifitiye ububasha.

Inama ya Komite Ngishwanama iterana rimwe mu mezi atandatu (6) n'igihe cyose bibaye ngombwa, hari nibura kimwe cya kabiri (1/2) cy'abayigize.

Inama ya Komite Ngishwanama itumizwa mu nyandiko igaragaza ibiri ku murongo w'ibygwa, hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) kugira ngo iterane.

Ingingo ya 31: Impamvu zituma ugize Komite Ngishwanama avanwa muri uwo mwanya

Umwe mu bagize Komite Ngishwanama ava muri uwo mwanya iyo:

- 1° manda ye irangiye;
- 2° yeguye akoresheje inyandiko;
- 3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta;

Article 30: Invitation and chairing of the Consultative Committee meeting

The meeting of the members of the Consultative Committee shall be convened and chaired by the Chief Gender Monitor and by the relevant Deputy Chief Gender Monitor in case of his or her absence.

The meeting of the Consultative Committee shall be held once in six (6) months and at any time it is considered necessary in presence of at least a half (1/2) of its members.

The invitation of the Consultative Committee meeting shall be in writing and indicate items on the agenda at least fifteen (15) days before it is held.

Article 31: Reasons for removal of a member of the Consultative Committee

A member of the Consultative Committee shall leave such an office if:

- 1° his or her term of office expires;
- 2° he or she resigns in writing;
- 3° he or she is no longer able to perform his or her duties due to physical or mental disability certified by an authorized medical doctor;

Article 30: Convocation et tenue de la réunion du Comité Consultatif

La réunion du Comité Consultatif est convoquée et présidée par l'Observateur en Chef du genre ou, à son absence, par l'Observateur en chef Adjoint du genre habilité.

Le Comité Consultatif se réunit une fois tous les six (6) mois et chaque fois que de besoin en présence d'au moins la moitié (1/2) de ses membres.

L'invitation à la réunion du Comité Consultatif avec ordre du jour est faite par écrit et transmise aux membres au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.

Article 31 : Motifs de perte de qualité de membre du Comité Consultatif

Un membre du Comité Consultatif perd la qualité de membre dans les cas suivants :

- 1° expiration du mandat ;
- 2° démission par notification écrite;
- 3° incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé ;

- 4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) nta subikagihano;
- 5° asibye inama inshuro ebyiri (2) mu mwaka umwe nta mpamvu zifite ishingiro;
- 6° bigaragaye ko atacyujuje ibyashingiweho ashirwa muri uwo mwanya;
- 7° bigaragaye ko abangamiye inyungu z'Urwego;
- 8° yireze akemera icyaha cya jenocide;
- 9° agaragaweho ibimenyetso by'ingengabitekerezo ya jenocide;
- 10° agaragaje imyitwarire itajyanye n'inshingano ze;
- 11° agaragaje imyitwarire ibangamiye amahame ya gender;
- 12° apfuye.

- 4° definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months without any suspension ;
- 5° he or she is absent in meetings for two (2) consecutive times in a year with no justified reasons;
- 6° he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment in such an office;
- 7° he or she jeopardises the interests of the Office;
- 8° he or she confesses and pleads guilty of the crime of genocide;
- 9° he or she is characterised by genocide ideology;
- 10° he or she demonstrates behaviours contrary to his or her responsibilities;
- 11° he or she demonstrates behaviours contrary to the principles of gender;
- 12° he or she dies.

- 4° condamnation définitive à une peine d'emprisonnement supérieure ou égale à six (6) mois sans sursis;
- 5° deux (2) absences consécutives dans une année aux réunions sans raisons valables ;
- 6° constat qu'il ne remplit plus les conditions requises pour lesquelles il avait été nommé ;
- 7° agissement contre les intérêts de l'Observatoire;
- 8° aveu et plaidoyer de culpabilité pour crime de génocide ;
- 9° comportement caractérisé par l'idéologie du génocide ;
- 10° comportement incompatible avec ses fonctions ;
- 11° comportement incompatible avec les principes de l'approche genre;
- 12° décès.

Ingingo ya 32: Isiburwa ry'ugize Komite Ngishwanama

Umugenzuzi Mukuru wa "gender" agaragaza muri raporo igenewe inzego zibifitiye ububasha ko umwe mu bagize Komite Ngishwanama adakwiriye kuba mu bayigize cyangwa ko atakiri mu mwanya we hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 31 y'iri tegeko. Iyo umwe mu bagize Komite Ngishwanama avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, ubuyobozi bubifitiye ububasha

Article 32: Replacement of a member of the Consultative Committee

The Chief Gender Monitor shall report to the relevant body if any member of the Consultative Committee is not worth its membership or if he or she is no longer in his or her position in accordance with the provisions of Article 31 of this Law. In case one of the members of the Consultative Committee leaves his or her duties before his or her term of office expires, the relevant

Article 32 : Remplacement d'un membre du Comité Consultatif

L'Observateur en Chef du genre constate dans un rapport adressé aux organes compétents que l'un des membres du Comité Consultatif n'a plus la qualité d'être membre ou que son poste est vacant conformément aux dispositions de l'article 31 de la présente loi. Si un membre du Comité Consultatif perd la qualité de membre avant l'expiration de son

bushyiraho umusimbura. Ushyizweho arangiza iyo manda.

Kwegura ku murimo k'ugize Komite Ngishwanama bigezwa, mu nyandiko ishinganye cyangwa ifite icyemezo cy'iyakira, kuri Minisitiri w'Intebe. Iyo Minisitiri w'Intebe nta cyo abivuzeho mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30), ukwegura kuba kwemewe.

Ugize Komite Ngishwanama uvuye ku murimo, ku mpamvu iyo ari yo yose, asimburwa bitarenze igihe cy'amezi atatu (3) avuyeho. Umusimbuye arangiza igihe cya manda uwo asimbuye yari asigaje.

Ibivugwa mu gika cya kane (4) cy'iyi ngingo ntibikurikizwa iyo hasigaye amezi atarenze atandatu (6) kugira ngo manda y'usimburwa irangire.

UMUTWE WA IV: UMUTUNGO W'URWEGO

Ingingo ya 33: Umutungo w'Urwego

Umutungo w'Urwego ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Ukomoka kuri ibi bikurikira:

authorities shall appoint his or her substitute to complete the remaining term of office.

Resignation of a member of the Consultative Committee shall be tendered in writing to the Prime Minister via registered mail or one requiring official receipt. In default of any response within a period of thirty (30) days, the resignation shall be considered approved.

A member of the Consultative Committee who leaves office due to any reason shall be replaced within a period not exceeding three (3) months from the period he or she leaves office. The substitute shall complete the remaining term of office of the person replaced.

Provisions of paragraph 4 of this article shall not apply if the remaining term of office of the person to be replaced does not exceed six (6) months.

CHAPTER IV: PROPERTY OF THE OFFICE

Article 33: The property of the Office

The property of the Office shall comprise of movables and immovables..

It shall come from the following:

mandat, l'autorité compétente désigne le remplaçant. Celui-ci termine le mandat de celui qu'il remplace.

La démission d'un membre du Comité consultatif est remise au Premier Ministre par lettre recommandée ou avec accusé de réception. A défaut de sa réaction dans un délai de trente (30) jours, la démission est réputée acceptée.

Un membre du Comité consultatif qui a perdu la qualité de membre pour quelque raison que ce soit est remplacé dans un délai ne dépassant pas trois (3) mois à compter du jour de la cessation de ses fonctions. Le remplaçant termine le reste de la durée du mandat de la personne qu'il remplace.

Les dispositions de l'alinéa 4 du présent article ne s'appliquent pas si le reste du mandat de la personne à remplacer ne dépasse pas six (6) mois.

CHAPITRE IV : DU PATRIMOINE DE L'OBSERVATOIRE

Article 33 : Patrimoine de l'Observatoire

Le patrimoine de l'Observatoire comprend les biens meubles et immeubles.

Il provient des sources suivantes:

- 1° ingengo y'imari ya Leta;
2° inkunga, impano n'indagano.

Ingingo ya 34: Ikoresha n'igenzura ry'ingengo y'imari

Ingengo y'imari y'Urwego ikoresheha hakurikijwe amategeko agenga ibaruramari rya Leta.

Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta agenzura uko ingengo y'imari y'Urwego yakoreshejwe.

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 35: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 36: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 20/09/2007

Perezida wa Repubulika
KAGAME Paul
(sé)

- 1° State budget;
2° subsidies, donations and bequest.

Article 34: Use and audit of budget

The budget of the Office shall be used in accordance with the laws governing public finance,

The Auditor General of the State Finances shall control the use of the budget of the Office.

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

Article 35: Abrogating provisions

All previous legal provisions contrary to this Law are hereby abrogated.

Article 36: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 20/09/2007

The President of the Republic
KAGAME Paul
(sé)

- 1° les dotations budgétaires de l'Etat;
2° les subventions, dons et legs.

Article 34: Utilisation et audit du budget

Le budget est utilisé conformément aux dispositions légales relatives à la comptabilité publique.

L'Auditeur Général des Finances de l'Etat assure le contrôle de l'exécution du budget de l'Observatoire.

CHAPITRE V: DES DISPOSITIONS FINALES

Article 35: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 36: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 20/09/2007

Le Président de la République
KAGAME Paul
(sé)

Minisitiri w’Intebe
MAKUZA Bernard
(sé)

The Prime Minister
MAKUZA Bernard
(sé)

Le Premier Ministre
MAKUZA Bernard
(sé)

Minisitiri muri Primature Ushinzwe Iterambere
ry’Umuryango n’iry’Uburinganire
NYIRAHABINEZA Valérie
(sé)

The Minister in Prime Minister’s Office
in charge of Gender and Family Promotion
NYIRAHABINEZA Valérie
(sé)

Le Ministre à la Primature chargé de la
Promotion de la Famille et du Genre
NYIRAHABINEZA Valérie
(sé)

Minisitiri w’Imari n’Igenamigambi
MUSONI James
(sé)

The Minister of Finance and Economic
Planning
MUSONI James
(sé)

Le Ministre des Finances et de la
Planification Economique
MUSONI James
(sé)

Minisitiri w’Abakozi ba Leta n’Umurimo
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

The Minister of Public Service and Labor
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Le Ministre de la Fonction Publique et du
Travail
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Intumwa Nkuru ya Leta/ Minisitiri w’Ubutabera
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

The Attorney General/ Minister of Justice
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

Le Garde des Sceaux/ Ministre de la Justice
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

Vu et scellé du sceau de la République :

Intumwa Nkuru ya Leta/ Minisitiri w’Ubutabera
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

The Attorney General/ Minister of Justice
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

Le Garde des Sceaux/ Ministre de la Justice
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)